



**ITEGANYAGIHE N°54 RY'IMVURA Y'ITUMBA (WERURWE-MATA- GICURASI) 2020**


Ikigo k'Igihugu gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda) kinejewe no gutangariza Abaturarwanda bose ko imvura y'Itumba (Werurwe-Mata-Gicurasi) 2020 iteganyijwe izaba iri hejuru y'isanzwe igwa mu bihe by'Itumba ahenshi mu gihugu.

Ibi biraterwa nuko ubushyuhe bwo mu Nyanja Ngarı cyane cyane iya Pasilika buri hejuru muri iyi minsi, bukazagenda bugabanyuka uko tugenda twinjira mu gihembwe.

Imvura iteganyijwe muri buri karere mu gihembwe cy'Itumba 2020:

- ❖ Mu turere twa Ngoma, Kayonza na Kiricho ; igice gito cy'Akarere ka Rwamagana gihana imbibi n'Akarere ka Ngoma ndetse n'igice gito cy'Akarere ka Bugesera nacyo gihana imbibi n'Akarere ka Ngoma hateganyijwe imvura izaba iri hagati ya milimetero 320 na 400.
- ❖ Mu turere twose tugize Intara y'Amajyaruguru, Umujyi wa Kigali, Uturere tw'Intara y'Amajyepfo uretse akarere ka Nyamagabe n'igice cy'Akarere ka Nyaruguru gihana imbibi n'Akarere ka Gisagura na Huye, mu turere twa Nyagatare, Gatsibo n'igice cy'Akarere ka Rwamagana na Bugesera mu Ntara y'Iburasirazuba hateganyijwe imvura izaba iri hagati ya milimetero 400 na 500.
- ❖ Mu turere twose tugize Intara y'Iburengerazuba, Akarere ka Nyamagabe n'igice cy'Akarere ka Nyaruguru gihana imbibi n'Akarere ka Rusizi hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 500 na 600.





**Ikarita 1: Ikarita yerekana iteganyagihe ry'imvura y'Itumba 2020**



**Ikarita 2: Ikarita yerekana igihe imvura izatangirira mu bice bitandukanye by'igihugu**





Ikarita 3: Ikarita yerekana igihe imvura izacikira

Imbonerahamwe igaragaza ingano y'imvura muri milimitero (mm), amafariki y'itangira n'icika ry'imvura y'Itumba 2020

Intara	Akarere	Imvura iteganyijwe (mm)	Itangira ry'imvura	Icika ry'imvura
Umujyi wa Kigali	Nyarugenge	440-470	1-10 Werurwe	21-31 Gicurasi
	Gasabo	460-500	1-10 Werurwe	21-31 Gicurasi
	Kicukiro	420-450	1-10 Werurwe	21-31 Gicurasi
Amajyaruguru	Musanze	440-490	21-29 Gashyantare	21-31 Gicurasi
	Gicumbi	470-510	21-29 Gashyantare	21-31 Gicurasi
	Rulindo	470-510	21-29 Gashyantare	21-31 Gicurasi
	Burera	450-490	21-29 Gashyantare	21-31 Gicurasi
Amajyepfo	Gakenke	440-500	21-29 Gashyantare	21-31 Gicurasi
	Kamonyi	400-490	21-29 Gashyantare	21-31 Gicurasi
	Muhanga	410-480	21-29 Gashyantare	21-31 Gicurasi
	Ruhango	390-460	21-29 Gashyantare	21-31 Gicurasi
	Nyanza	390-470	21-29 Gashyantare	21-31 Gicurasi
	Huye	430-520	21-29 Gashyantare	21-31 Gicurasi
	Gisagara	400-470	21-29 Gashyantare	21-31 Gicurasi
	Nyamagabe	420-510	10-20 Gashyantare	21-31 Gicurasi
Nyaruguru	460-550	10-20 Gashyantare	21-31 Gicurasi	
Iburasirazuba	Bugesera	390-410	1-10 Werurwe	21-31 Gicurasi
	Rwamagana	370-400	1-10 Werurwe	21-31 Gicurasi



Iburengerazuba	Kayonza	350-390	1-10 Werurwe	21-31 Gicurasi
	Ngoma	360-390	1-10 Werurwe	21-31 Gicurasi
	Kirehe	320-380	1-10 Werurwe	10-20 Gicurasi
	Gatsibo	400-450	1-10 Werurwe	21-31 Gicurasi
	Nyagatare	380-440	1-10 Werurwe	21-31 Gicurasi
	Nyabihu	510-550	21-29 Gashyantare	1-10 Kamena
	Rubavu	490-560	21-29 Gashyantare	1-10 Kamena
	Rutsiro	490-540	21-29 Gashyantare	21-31 Gicurasi
	Karongi	470-550	21-29 Gashyantare	21-31 Gicurasi
	Ngororero	450-520	21-29 Gashyantare	21-31 Gicurasi
	Nyamasheke	490-560	10-20 Gashyantare	21-31 Gicurasi
	Rusizi	480-540	10-20 Gashyantare	21-31 Gicurasi (Ahegereye akarere ka Nyaruguru)  1-10 Kamena (Ahegereye akarere ka Nyamasheke)

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda) gishingiye kuri iri teganyagihe ry'imvura y'itumba 2020, kirasaba inzego zose za Leta, Imiryango idaharanira inyungu, Imishinga itandukanye ikorera mu Rwanda, Ibigo by'abikorera ku giti cyabo ndetse n' Abaturarwanda bose muri rusange ko bakwiriye gushingira kuri iri teganyagihe bagafata ingamba zigamije kongera umusaruro w'ubuhinzi n'ubworozi, kwirinda no gukumira ibiza, kwirinda no gukumira indwara, kubungabunga ibidukikije, gufata neza imiyoboro y'amazi n'ibindi bikorwa bifitiye igihugu akamaro.

Turashishikariza kandi abaturarwanda bose bakora imirimo itandukanye, iy'ubuhinzi n'ubworozi, ibikorwa remezo, ubuzima, ubucuruzi, ubushakashatsi kwegera impuguke zo mu nzego bakorana kugirango zibagire inama z'uburyo bwiza bwo gukoresha iteganyagihe ry'itumba mu mirimo yabo ya buri munsi.

Abakeneye ibindi bisobanuro birambuye kuri iri teganyagihe n'uburyo ryakoreshwa barasabwa kwegera Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda) cyangwa bagahamagara kuri numero itishyurwa 6080.



Iri teganyagihe rikomeza gukoroshwa ryunganyirwa n'irindi risanzwe ritangwa mu gihe cy'ukwezi, iminsi icumi (10), iminsi itanu (5), iminsi itatu(3) ndetse n'iteganyagihe ritangwa buri muni.

Bikorewe i Kigali, kuwa 24/02/2020.



**Aimable GAHIGI**  
**Umuyobozi Mukuru**

